REF: 1488/RRA/CSD/CSD/OASU/2026

10-Nov-2026

ITANGAZO

Ubusabe bwo gukurirwaho amahoro ya Gasutamo ku bikoresho fatizo

Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro (RRA), Serivisi za Gasutamo, kiramenyesha abanyenganda bose bifuza gukurirwa amahoro ya gasutamo ku bikoresho fatizo mu gihembwe cya gatatu cy'umwaka w'ingengo y'imari wa 2026/2027 ((Mutarama 2027 - Werurwe 2027), ko **igihe ntarengwa cyo kohereza ubusabe ari ku wa 30 Ugushyingo 2026**. Ubusabe bunyuzwa muri sisiteme yabigenewe kuri https://drs.eac.int.

Ibisabwa bikurikira bigomba kuba byuzuye nk'uko biteganywa n'amategeko:

1. Kwandikira Komiseri wa za Gasutamo ukoresheje Ifishi ya R1;
2. Kohereza inyandiko isobanura uko ibicuruzwa bitunganywa mu ruganda;
3. Gutanga icyemezo cy'amakuru yuzuye cy'iyandikisha rya Sosiyete cyatanzwe n'Urwego rw'u Rwanda rushinzwe Iterambere (RDB), kigaragaza icyo sosiyete ikora;
4. Gutanga icyemezo cyo kutabamo umwenda w'imisoro;
5. Gutanga icyemezo kigaragaza ko usaba akoresha EBM igezweho;
6. Usaba usanzwe ahabwa ubusonerwe ku bikoresho fatizo agomba gutanga ingano y'ibikoresho fatizo bisigaye mu bubiko n'ibicuruzwa birangiye bitaragurishwa mu gihe cyo gutanga ubusabe;
7. Uzakora ibicuruzwa by'ingeri zitandukanye, agomba gutanga urutonde rw'ibikoresho fatizo byihariye kuri buri bwoko bw'igicuruzwa.

Icyitonderwa:

- Abasaba bagomba kuba bujuje ibisabwa byose bikubiye mu mabwiriza ari ku mugereka wiri tangazo;
- Ubusabe buzoherezwa budaherekejwe n'ibisabwa byose ntibuzahabwa agaciro;
- Usaba agomba kuba nta birarane by'imisoro abereyemo Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro, kandi ubusabe bwe butarigeze buteshwa agaciro kubera amakosa.

Ku bindi bisobanuro, mwahamagara Serivisi za gasutamo kuri 0788185676.

Digitally signed by Rwanda Revenue Authority(Commissioner for Customs)
Date: 2026.11.10 12:59:11 +02'00'

KABERA Sam
Komiseri wa za Gasutamo